INAMA YA PRESBYTERIUM YA DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO

Kuri uyu wa gatatu tariki 24 kugeza ku wa kane tariki 25/05/2017, Abasaseridoti ba Diyosezi ya Nyundo bakoze inama yabo isanzwe, iyo nama yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo.

Iyo nama ku munsi wa mbere yibanze ku biganiro byahuje Abapadiri hirya no hino muri za Doyennés zigize Diyosezi byari bigamije k'ukungurana ibitekerezo ku bijyanye n'imibanire y'Abapadiri, n'imikoranire yabo na za komite za Paruwasi.

Imyanzuro y'inama ya Presbyterium ya Diyosezi ya Nyundo yo ku wa 24 na 25 Gicurasi 2017

1. Abagize komite eshatu za Paruwasi bajyaho binyuze mu matora mu nama nkuru ya Paruwasi, ntabwo ari umupadiri uyu n'uyu ubashyiraho uko yishakiye. Abagize izo komite bagomba guhora bahabwa amahugurwa n'imyiherero, ndetse n'ingendoshuri uko bishobotse.
2. Mandats za komite ncungamutungo na ngenzurabikorwa ni imyaka 3 ivugururwa rimwe gusa, naho mandat ya komite nyobozi ni imyaka 4 na yo

ivugururwa rimwe gusa ; umubare w'abagize buri komite ugomba guhora wuzuye.

3. Ni ngombwa ko inshingano z'abagize amakomite zimenyekana kandi by'umwihariko Komite ncungamutungo ikagaragarizwa aho inshingano zayo zihurira n'aho zitandukanira n'inshingano za Comptable. Comptable ntiyemerewe kuba mu makomite.
4. Abapadiri bagomba kubaha no korohereza abagize za Komite mu butumwa baba bahawe na Paruwasi.
5. Paruwasi ifite inshingano yo guhugura ku buryo buhoraho abari mu makomite.
6. Paruwasi igomba gukora ingengabihe y'umwaka igaragaza inama z'amakomite ziteganyijwe mu mwaka wose, hamwe n'izihuza ayo makomite n'abapadiri.

7. Buri Paruwasi, mu bufatanye bw'abalayiki n'abapadiri, igomba gukora igenamigambi ry'iyogezabutumwa hamwe n'iry'umutungo kandi hagakorwa isuzumabikorwa rihoraho kuri izo nzego zombi.
8. Abapadiri bose muri Paruwasi bagomba kwitabira inama zose zirebana n'ubuzima bwa Paruwasi (reba umwanzuro wa 6 n'uwa 7 wa Presbyterium yo ku wa 11-12 mutarama 2017).

9. Mu gihe cyo gusimburana kw'abapadiri, ihererekanyabubasha rigomba gukorwa hari abapadiri bose bahafite ubutumwa hamwe n'abalayiki bahagarariye abandi, bakamenya ibikubiyemo kandi abasimburanye bakabona iminsi ihagije yo kuba bari kumwe, kugira ngo umushya amenye neza ibyari bisanzwe bikorwa n'ibyari biteganyijwe
10. Muri buri Paruwasi hagomba kubaho gahunda ngenderwaho mu iyogezabutumwa y'umwaka, y'ukwezi, igaragaza ibiteganyijwe n'uzabikora ntihabeho gutungurana muri gahunda ku bintu byashoboraga guteganywa hakiri kare.

Ku munsi wa kabiri w'inama, habaye ikiganiro cyatanzwe n'intumwa zaturutse mu Rukiko Rukuru rwa Kiliziya y'u Rwanda ; bavuze ku bijyanye na :

« ***NORMES CANONICO-PASTORALES PARTICULIERES POUR LE CLERGE DIOCESAIN AU RWANDA ».***

Intumwa zaturutse mu Rukiko Rukuru rwa Kiliziya y'u Rwanda

Abasaseridoti bitabiriye inama ya Presbyterium

Abasaseridoti bitabiriye inama ya Presbyterium

Padiri Valère SAFARI BURUSU

Padiri Valère SAFARI BURUSU ukorera ubutumwa muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yaramukije abari mu nama anabatumira mu munsi mukuru wa Yubile ye y'imyaka 25 y'Ubusaseridoti izahimbazwa tariki 10/06/2017 kuri Paruwasi Stella Maris Gisenyi.

Nyuma y'Imana Umwepiskopi akikijwe n'Abasaseridoti batuye Igitambo cy'Ukaristiya

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA